

REPUBLIKA Y' U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE  
RWA RUSIZI

ICYEMEZO N° 00012020/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE  
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 8 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **MUSABYIMANA Valens**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **MUKARUGWIZA Judith**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa UWIZEYE Jean Claude mwene TWAGIRAYEZU na MUKAKIBOGO, wavutse kuwa 1/1/1982, avukira mu Mudugudu wa Nyantoki, Akagali ka Budahanda, Umurenge wa Musha, Akarere ka Rwamagana, Intara y'Iburasirazuba, akaba atuye mu Mudugudu wa Kadashya, Akagali ka Ruganda, Umurenge wa Kamembe, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerezuba, ni ingaragu, akaba afite no y'indangamuntu 1198280171128146, ikirego yarezwe kikaba gifite N0 RP/ECON 00008/2020/TGI/RSZ , akurikiranweho icyaha cyo kunyereza umutungo giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 10 y'itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa. , akaba yararezwe nk'uwhishe cyangwa watorotse ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko UWIZEYE Jean Claude agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa 15/12/2020 saa mbiri za mu gitondo aho urwo Rurukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, maze agacirwa urubanza adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi. .

Igihe giteganijwe mu ngingo ya 160 y'itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha gitangira kubarwa kuva ku munsi icyi cyemezo cyafatiweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe hejuru.

MUSABYIMANA Valens  
UMUCAMANZA

MUKARUGWIZA Judith  
UMWANDITSI